# ABESAMIHIGO BA KAMONYI NEWSLETTER

**KANAMA 2024**

## RUGALIKA/MASAKA : HIZIHIRIJWE UMUNSI MUKURU W'UMUGANURA KU RWEGO RW'AKARERE

Tariki ya 2 Kanama 2024 hirya no hino mu Mirenge igize Akarere ka Kamonyi, abayobozi, abaturage, inzego z'umutekano n'abafatanyabikorwa bafatanyije kwizihiza umunsi w'Umuganura. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti" Umuganura isoko y'Ubumwe n'Ishingiro ryo kwigira. Tuganure dushyigikira gahunda yo kugaburira abana ku ishuri".

Mu Kagari ka Masaka mu Murenge wa Rugalika niho habereye ku rwego rw'Akarere ibirori by'Umuganura, byitabiriwe n' Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere ari kumwe na bagenzi be bagize komite nyobozi y'Akarere,abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere, abafatanyabikorwa n'abatuye aka Kagari.

Abaturage bibukijwe kuganura banashyigikira gahunda yo kugaburira abana ku ishuri hamuritswe ibyagezweho uyu munsi twishimira birimo: ikoranabuhanga mu ngeri zose, guteza imbere imiturire. Ubuhinzi butanga umusaruro ufatika.
Ibi birori byo ku rwego rw'Akarere byabereye i Masaka mu Murenge Rugalika, byabimburiwe no gutaha ku mugaragaro umuyoboro w'amazi wubatswe mu rwego rwo guha amazi meza abatuye Umurenge wa Rugalika.
Hatashywe kandi Ibiro by'Umudugudu wa Rugarama mu Kagari ka Masaka.









## HAKOZWE UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA KANAMA





Kuwa 31 Kanama 2024, hirya no hino mu Tugari abaturage n'ubuyobozi bifatanyije mu bikorwa byateguwe by'umuganda rusange usoza ukwezi kwa Kanama 2024. Mu Kagari ka Gishyeshye Umurenge wa Rukoma niho habereye ku rwego rw'Akarere umuganda rusange.

Abaturage n'abayobozi bafatanyije mu gukora imihanda mu Mudugudu wa Gahungeri. Iki gikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee, umuyobozi w'Ishami ry'imiyoborere myiza mu Karere n'umuyobozi w'ishami ry'ubuzima, hamwe n'intumwa ya RBC ndetse n'uwaje aturutse ku Bitaro bya Gisirikari i Kanombe.

Mu biganiro byahuje ubuyobozi n'abitabiriye umuganda mu Kagari ka Gishyeshye i Rukoma, basabwe gukumira icyorezo cy'ubushita bw'icyende.
Abaturage basobanuriwe uburyo iyi ndwara yandura n'uko umuntu yayirinda.

Hatanzwe kandi ikiganiro ku isuku n'isukura, ababyeyi kandi bibukijwe ko itangira ry'amashuri ryegereje basabwa kwitegura neza bashyira ku murongo ibikenewe byose ngo abana babo bazagere ku ishuri igihe cyateganyijwe.





# HAKOZWE INAMA HAGARUKWA KU NGAMBA ZO GUKOMEZA GUSIGASIRA UMUTEKANO





Tariki 30 Kanama 2024, ku biro by'Akarere i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge habereye inama y'umutekano yaguye y'Akarere yayobowe na VM Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel.

Inama yitabiriwe kandi na Lt. Colonel Mugisha Eliphaz umuyobozi w’Inkeragutabara mu Karere, Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Karemera Francis n’abandi bagize inama y’umutekano itaguye y’Akarere hamwe n’abandi bayobozi baturutse mu Mirenge.

Abitabiriye barebeye hamwe uko umutekano wifashe n'ingamba zo gukomeza kuwusigasira. Haraganiriwe ku itangira ry'amashuri, gahunda y’ubugenzuzi mu madini n’amatorero n’ikemurwa ry'ibibazo bikibangamiye imibereho myiza y'abaturage.







## HAKOZWE INAMA YA KOMITE YA CNF KU RWEGO RW'AKARERE





Tariki 30 Kanama 2024 ku cyicaro cy'Akarere habaye inama ngarukagihembwe ya Komite y'Inama y'Igihugu y'Abagore yize ku ngingo zikurikira: gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo iheruka, gutegura inteko rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore yari iteganyiwe kuwa wa 03 Nzeri 2024, Isuzuma ry'imihigo ya mutimawurugo riteganyujwe kuwa 06/09/2024.

Iyi nama yayobowe na Mme Musabyimana Marie Goretti umuhuzabikorwa w'Inama y'igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere, yitabiriwe kandi n'umukozi ushinzwe uburinganire n'iterambere ry'umuryango Mme Umuhoza Alexia.

## HASHOJWE AMARUSHANWA Y'UMUPIRA W'AMAGURU

Tariki 29 Kanama 2024, kuri stade ya Ruyenzi mu Murenge wa Runda hashojwe amarushanwa y'umupira w'amaguru yo ku rwego rw'Igihugu (National football camp) yahuje urubyiruko rugera kuri 240 rwaturutse mu Itorero ADEPR, yarateguwe mu rwego rwo guteza imbere sport guhera mu bakiri bato cyane cyane urubyiruko rutarengeje imyaka 13, bigishwa umupira w'amaguru hamwe n'indangagaciro za gikirisitu kugirango bakure bazamura impano zabo muri siporo no mu bukirisitu, bakagira ubuzima buhindutse mu buryo bwuzuye (umubiri n'ubugingo).

Iki gikorwa kitabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme KAYITESI Alice, Umuvugizi w'Itorero ADEPR mu Rwanda Reverend NDAYIZEYE Isaie, uhagarariye Ambassadors football ku rwego rw'Isi JONATHAN Ortlip na VM Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Mme UWIRINGIRA Marie Josee. Amakipe yatsinze akaba yahawe ibikombe n'ibindi bikoresho bya siporo bitandukanye.







# HAKOZWE URUGENDOSHURI RW'ABAKOZI BATURUTSE MU KARERE KA HUYE



Tariki 28 Kanama 2024 itsinda ry'abakozi b'Akarere ka Huye bari bayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme KANKESHA Annonciata bagiriye urugendoshuri mu Karere ka Kamonyi. Abashyitsi bakiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee ari kumwe na bamwe mu bakozi b'Akarere.



Aba bakozi bakurikirana ku rwego rw'Akarere n'Imirenge ibikorwa by'Itorero ry'igihugu ndetse n'abakozi bafite mu nshingano ibikorwa by'isuku n'isukura baru baje kwigira ku Karere kacu uko gashyira mu ngiro Imitegurire n'ishyirwamubikorwa ry'Urugerero, ndetse no kureba uko akarere kanoza ibikorwa by'isuku kuko mu myaka 2 ikurikirana Akarere ka Kamonyi niko kaje kabaye indashyikirwa muri izi gahunda kegukana ibihembo.



Aba bashyitsi basuye bimwe mu byakozwe mu isuku no gukumira igwingira mu Murenge wa Runda harebwe kandi Igihango cy'Urungano mu Murenge wa Rugalika iki gikorwa kikaba cyarahesheje Akarere inka y'ubumanzi umwaka ushize kubera kuyobora neza ibikorwa by'urugerero rw'Inkomezabigwi XI.





## HATANGIJWE ICYUMWERU CYAHARIWE IRANGAMIMERERE

Tariki 27 Kanama 2024 Mu Mudugudu wa Kigorora Akagari ka Mbati mu Murenge wa Mugina niho hatangirijwe ku ku rwego rw'Akarere icyumweru cyahariwe itangwa rya serivisi z'irangamimerere. Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza yasabye abaturage kuzitabira iki cyumweru cyahariwe itangwa rya serivisi z'irangamimiere mu Tugari iwabo.



Muri iki Cyumweru, abaturage bazegerezwa serivisi zirimo: kwandikisha abana bavutse, kwandika abapfuye no gukosoza amakuru ari mu bitabo by'irangamimerere n'izindi serivisi. Muri iki gikorwa Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza yari kumwe n'Umuyobozi w'Ishami ry'Imiyoborere myiza Mme Kangabire Appauline nabagize inzego z'umutekano.









## INZEGO ZAGANIRIYE KU ISHYIRWA MU BIKORWA RYA GAHUNDA ZA LETA



ITariki 26 Kanama 2024, ku Ruyenzi mu Murenge wa Runda habereye umwiherero watumiwemo abagize komite nyobozi y'Akarere, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Agateganyo w'Akarere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'abayobozi b'amashami ku rwego rw'Akarere.





Ibiganiro byayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, hagarutswe ku mikorere n'imikoranire iganisha ku gutanga umusaruro n'imitangire ya serivisi mu nzego z'ubuyobozi. Hari hagamijwe no kwisuzuma uko twasoje umwaka ushize no gufata ingamba z'umwaka mushya w'ingengo y'imari n'imihigo 2024-2025.

## HAKOZWE UBUKANGURAMBAGA BWO KUMENYEKANISHA INGENGO Y'IMARI

Tariki 19 Kanama 2024, ku bufatanye bwa Ministeri y'Imari n'Igenamigambi hamwe n'umufatanyabikorwa wayo CLADHO, ubuyobozi bw'Akarere n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bashyikirijwe udutabo bazageza ku baturage, gakubiyemo imishinga migari izibandwaho muri uyu mwaka; n'Ingengo y'Imari y'u Rwanda izakoreshwa uyu mwaka wa 2024/2025.

Utu dutabo twakiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Agateganyo bwana Fred Bushayija, CLADHO yari ihagarariwe na bwana Murwanashyaka Evariste naho MINECOFIN hari Mme Esther Mutesi.





# KAYUMBU: URUBYIRUKO RWITABIRIYE UMUGANDA WIHARIYE










Tariki 17 Kanama 2024, mu Mudugudu wa Nyabuhoro mu Kagari ka Busoro hari kubera ku rwego rw'Akarere umuganda wihariye w'urubyiruko. Ubuyobozi n'urubyiruko rwo mu Murenge wa Kayumbu bafatanyije gutunganya ikibuga cya Kaduha bityo abatuye iki gice bakazabona aho kwidagadurira hagutse kandi hameze neza.

Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Mirenge ya Musambira na Kayumbu, Umuhuzabikorwa w'urwego DASSO Wungirije mu Karere, Umuyobozi w'Umurenge wa Kayumbu bifatanye n'urubyiruko rw'uyu Murenge.
Uyu muganda w'urubyiruko wibanze mu rusange ku gufata neza ibikorwaremezo, kubakira abatishoboye no gutunganya ibibuga by'imikino.

Umuganda Wakozwe mu Mirenge yose uri muri gahunda y'ibikorwa byateguwe mu rwego rwo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Urubyiruko. Uyu mwaka insanganyamatsiko iragira iti"Ikoranabuhanga mu Rubyiruko, Inzira yo Kwihutisha Iterambere Rirambye".

Hatanzwe kandi ikiganiro ku bitabiriye umuganda cyagarutse ku bikorwa bizibandwaho muri uku kwezi kwahariwe kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Urubyiruko.

## TWIGIRE MU MIKINO, GAHUNDA IFASHA MU GUKANGURA UBWONKO BW'UMWANA VUBA








Mu rwego rwo kwimakaza gahunda yo gufasha abana b'incuke gukura neza kandi bakiga bakamenya byinshi binyujijwe mu mikino bihimbiye bo ubwabo, tariki 16 Kanama 2024 ku Ruyenzi mu Murenge wa Runda habereye amahugurwa yatumiwemo abakuru b'Imidugudu, Abayobozi b'Utugari, abajyanama b'uburezi, abajyanama b'ubuzima bo mu Tugari twa Nyamirama na Kayonza mu murenge wa Kayenzi n'umukozi w'Umurenge wa Kayenzi ushinzwe uburezi.

Ibi byiciro byari byatumiwe ku bufatanye bw'Akarere n'umufatanyabikorwa VSO, abitabiriye bunguranye ibitekerezo biganisha ku kwimakaza gahunda Twigire Mumikino Rwanda (TMR), bityo ikomeze kurushaho kugirira akamaro abana.

VSO yari ihagarariwe na Mme Nzaramba Jacqueline naho ubuyobozi bw'Akarere bwari buhagarariwe na bwana Twagirumukiza Jean de Dieu ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'abafite ubumuga mu Karere. Abitabiriye bavuga ko bazakomeza gufasha abana gukunda iyi gahunda kugira ngo ubumenyi bwabo bukomeze gukura kandi bagire ubwenge n'ubushobozi mu mikurire yabo.





## ABAYOBOZI B'UTUGARI BAHUGUWE KURI VERBAL AUTOPSY



Tariki 14 Kanama 2024 ku Karere habereye amahugurwa yatumiwemo Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari akaba yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'ubukungu bwana Niyongira Uzziel.

Abayobozi bitabiriye bahawe ubumenyi ku ikoranabuhanga rikoreshwa muri "Verbal Autopsy"; aribwo buryo bwo gukora isesengura rigamije kumenya impamvu yateye urupfu ku bantu batapfiriye kwa muganga. Kumenya ubu buryo nibyo bizatuma kwandika abapfuye baguye mu rugo bikorwa neza bityo bigafasha mu igenamigambi.





## ABAYOBOZI B'AMASHURI INAMA KU MIGENDEKERE YA GAHUNDA NZAMURABUSHOBOZI

Tariki ya 14 Kanama 2024 ku Karere habereye inama yahuje abayobozi b'Ibigo by'Amashuri. Inama Yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee.

Abitabiriye bunguranye ibitekerezo ku migendekere ya gahunda nzamurabushobozi ku bana batimutse bo mu mashuri abanza (1,2 &3).
Muri iyi nama kandi, abayobozi b'amashuri barebeye hamwe uko iyi gahunda ihagaze, ibibazo byaba bihari n'ingamba zo gukemura ibyo bibazo kugira ngo abana batabashije kwimuka bafashwe bashobore kujya ku rwego rumwe n'abandi.





## IMYITEGURO Y'IGIHEMBWE CY'IHINGA IGEZE AHASHIMISHIJE

Tariki 07 Kanama 2024 ku biro by'Akarere habereye inama y'ubukangurambaga ku ubuhinzi n'ubworozi iyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel.



Muri iyi nama hagarutswe ku mihigo y'uyu mwakana wa 2024/2025 ijyanye n'Ubuhinzi n'Ubworozi; gutegura igihembwe cy'ihinga cya mbere 2025 (Season A2025); kuganira kuri Project ya SAIP II igiye gutangira muri Kamonyi; Ubwishingizi bw'ibihingwa n'amatungo. Muri iyi nama hafatiwemo imyanzuro itandukanye igamije kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi.

Mu nama hari hatumiwe Umuyobozi wa RAB Station ya Muhanga; umukozi wa Tubura, umukozi wa SAIP ukorera Kamonyi na Muhanga; abashinzwe ubuhinzi n'ubworozi mu Mirenge, abashinzwe iterambere mu Tugari, abacuruzi b'inyongeramusaruro.







## UMUYOBOZI W'AKARERE YAKIRIYE ABASHYITSI BAVUYE MURI USA



Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yakiriye ku biro by'Akarere itsinda ry'abayobozi bakuru bo mu Itorero New Life Kingdom Ministries rikorera mu Karere ka Kamonyi Umurenge wa Runda Akagari ka Musebeya, aba bashyitsi baturutse muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika bakaba bari bayobowe na Apostle Mugabonake Eric "Chief Executive Officer" w'iri Torero mu Karere.




Uru ruzinduko rwari rugamije kuganira n'ubuyobozi bw'Akarere hagamijwe kumenya aho bazashyira umusanzu wabo bibaye ngombwa hagamijwe imibereho myiza n'iterambere rirambye ry'abakirisitu b'Itorero n'abatuye aka Karere muri rusange. Iyi gahunda yashojwe n'isengesho ry'aba bapasiteri bashimira cyane imiyoborere myiza y'igihugu banasabira Akarere gukomeza gutera imbere hamwe n'ubuyobozi bwiza bw'igihugu cyacu





# UMUSHINGA “YEAN” WASHYIKIRIJE IMPAMYABUMENYI ABAHINZI 85










Mu cyumba cy'Inama cy'Akarere ka Kamonyi habereye igikorwa cyo gushyikiriza inyemezabumenyi abahinzi 85 bahuguwe na YEAN mu bishanga ikoreramo.

Umuhango wayobowe na VM Ushinzwe Iterambere ry'ubukunguhamwe n’uhagarariye RAB, uhagarariye YEAN (DAF).

Umuyobozi yashimiye abahinzi uruhare bagira mu iterambere ry'ubuhinzi ,anabashishikariza, guhinga ubutaka bwose, guhingira igihe, gukoresha imbuto y'indobanure, gukoresha amafumbire neza, kurwanya indwara n'ibyonnyi ku gihe hagamijwe kuzamura umusaruro w'ubuhinzi.

Yasoje asaba abahawe Certificate kugeza ubumenyi bahawe kubo baje bahagarariye.

**Bikozwe na:**

**Faustin NTAKIRUTIMANA**
**‘PR, Media & Communications”**